U Rwanda rukomeje kuba icyitegererezo ku mahanga kubera intambwe rwateye mu bumwe n'ubwiyunge. Ni yo mpamvu abanyamahanga baturetse mu mpande zose z'isi barugenderera kugirango barwigireho.

Muri urwo rwego, bamwe mu bagize ishyaka African Christian Democratic Party ryo muri Afrika y'Epfo bagera kuri 14 bayobowe na Prezida waryo akaba n'umwe mu bagize Inteko ishinzwe amategeko Reverand Dr.Kenneth Meshoe, basuye Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge hamwe n'izindi nzego zinyuranye za Leta kugirango izigireho intambwe u Rwanda rwateye mu bumwe n'ubwiyunge nyuma y'amahano ya genocide yakorewe Abatutsi muri Mata 1994.

Rev.Dr. Kenneth Meshoe yatangaje ko impamvu baje kwigira ku Rwanda ari uko nabo bagize amahano y'ivangura rishingiye ku ruhu nyuma y'intambara ya kabiri y'isi yose, ariko, nk'uko yakomeje abitangaza, u Rwanda rwagize umwihariko kuko abantu bishe abana babo, abavandimwe cyangwa abaturanyi babo, nyamara ubu bakaba barabashije kwiyunga. Asanga rero ari urugero rwiza Africa y'Epfo by'umwihariko ndetse n'isi yose muri rusange bikwiye kwigira ku Rwanda.

Uretse Komisiyo y'igihugu y'Ubumwe n'Ubwiyunge ari nayo yabakiriye, abo bashyitsi banasuye urwibutse rwa genocide rwa Gisozi ku wa 28/11/2011 aho bavuye bakaganira na NURC na SNJG kuri Hotel Umubano, bukeye basura CNLG na RGAC. Bucya bari busubire iwabo, basuye Rwanda Correctional Service, Inteko ishinga amategeko na MINAFFET.